K0278073

IDENTIFICATION	:	**Fe 831 du 16-2-94**
DUREE	:	**60 min.**
QUALITE	:	**très moyenne**
TRANSMISSION	:	**Radio Rwanda**
DATE DE TRANSCRIPTION	:	**12 / 02 / 2002**
NOM DU TRANSCRIPTEUR	:	**Jean Maguru Chinyema (français)** **Marie-Agnès Mukangwije (kinyarwanda)**
NOM DU FICHIER	:	**831**
DICTAPHONE	:	**Sanyo BO-760/16**

FACE A

Orateur: journaliste de Radio Rwanda non identifié.

...Kampayana Florenti, ushinzwe biro by'akarere bya Orinfor ku Gisenyi.

Orateur: Florent Kampayana, correspondant régional de l'Orinfor à Gisenyi

Iyo nama yari iyobowe n'umuyobozi muri Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi akaba ari na we uyobora umushinga w'imirimo y'ubuhinzi muri iyo ministeri, ahagarariye na Banki y'isi, bwana Michel BAKUZAKUNDI, ikaba yari iteraniyemo n'umuyobozi w'imirimo y'ubuhinzi muri Gisenyi, umuyobozi wa DRI Ramba-Gaseke, sous- préfet wa Ngororero, ba bourgmestres ba za komine Satinskyi, Kibilira na Ramba, n'abakozi bashinzwe kwamamaza ubuhinzi muri ay...ayo ma komine. Uwo mushinga ukazakorera muri ariya ma komini abiri kuko nta mushinga ugaragara wahigeze, bigatuma hahora inzara kubera ubutaka bubi, no kubura ababegereza imbuto.

Umushinga IPV wigeze gukorera muri ayo makomine ukazajya ukorera muri suprefectura ya Kabaya na bo mu gihe bagitegereje ko igice cya kabiri cy'umushinga DRI gitangira, komine Ramba ikazaba ikoresha amafaranga uwo mushinga usigaranye. Twakwibutsa ko igice cya kabiri cya DRI kizafata amakomine Satinskyi, Kibilira na Ramba, Gaseke ihereye mu ruhande rwa IPV. Icyo gitekerezo cyo kuzana bene uriya mushinga cyaje ryari kandi gite, utandukaniye he n'indi mishinga tuzi, umuyobozi muri ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi Michel BAKUZAKUNDI ni byo adusobanurira:

Orateur : Michel BAKUZAKUNDI

Ndagira ngo mbere na mbere nkubwire ko eh atari Banque Mondial yifuje ko kariya karere uretse ko na yo ibishaka, Leta y'u Rwanda ni yo yasabye ko eh mu rwego rwo gutera inkunga imirimo y'ubuhinzi mu Rwanda, Banque mondiale yafata aka karere ka Kingogo, eh kugira ngo na ko kajye muri ya...wa mushinga, eh twita Projet Services Agricoles, ni ukuvuga umushinga Banki y'isi yose iteramo inkunga eh mu rwego eh no gu...no guteza imbere ibihingwa no guteza imbere umusaruro.

Uwo mushinga rero watangiye muri mirongo cyenda, muri mirongo cyenda, wari ufite ama perefegitura atanu, mirongo cyenda na kabiri ni bwo Leta y'u Rwanda isabye ko uwo mushinga wakorera mu gihugu hose. Ibyo byaremewe. Ejobundi rero muri mirongo cyenda na gatatu ni bwo inzego z' ubuhinzi zo muri aka karere zisabye ko n'aka karere katagira aba...gafasha, kakwinjizwa muri uwo mushinga kugira ngo na ko eh katere imbere, abahinzi-borozi bagatuye na bo ibikorwa bya kijyambere bibagereho.

Banque Mondiale yarabyemeye, aka karere na ko kari...kinjijwe muri uwo mushinga, ni ukuvuga rero ko guhera ubungubu aka karere ka Kingogo na ko inkunga mu rwego rwo gutsura amajyambere mu by'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba, eh kazabiterwamo n'inkunga na none n'iyo Banque y'isi yose na wa mushinga Projet Services Agricoles.

Na none eeh mu gutera inkunga ako karere, ndagira ngo mwumve ko umushinga udakora nka ya mishinga yindi mwari musanzwe muzi.

Uyu mushinga cyane cyane utera inkunga imirimo yo kwamamaza ubuhinzi eeh muri bwa buryo bushya ubu ngubu u Rwanda rwiyemeje gukurikiza.

Ni ukuvuga ko eh abahinzi bazakora mu matsinda, bakaberekera, bakabigisha, noneho ibyo babonye bibafitiye akamaro akaba ari byo bagenda na bo gukora iwabo kugira ngo umusaruro urusheho kwiyongera.

Ikindi uwo mushinga ufasha abahinzi borozi cyane cyane abantu bikorera ku giti cyabo ni ukubatera inkunga kugira ngo na bo ibikorwa bya kijyambere, ibikorwa byunganira ibyo kwamamaza ubuhinzi ari bo babyikorera. Ni muri urwo rwego rero twashyizeho eeh, urwego imirimo yo gufasha abikorera ku giti cyabo kugira ngo na bo iby'imishinga yakoraga mbere, ni ukuvuga nko gutubura imbuto z'indobanure, nko gucuruza inyongeramusaruro, ibyo bijye bikorwa n'abikorera ku giti cyabo. Umushinga Projet Services Agricoles uzabateramo inkunga ari ukubafasha kubona inguzanyo, ari ukubahugura, n'ibindi. Bityo noneho ibikorwa birusheho eeh, gushinga imizi, birusheho gukomeza n'ubwo umushinga waba warangiye.

Orateur : KAMPAYANA Florenti, ORINFOR Gisenyi

Kubera ko ziriya komine umushinga uzakoreramo ashonje cyane, bateganya ko bakwihutisha ugatangira vuba cyane na ndetse ubu hakaba hari ibyatangiye kugera muri ako karere, nk'imbuto z'ibijumba, imyumbati n'ifumbire.
Florenti KAMPAYANA, ORINFOR Gisenyi.

Orateur : Journaliste de Radio Rwanda non identifié

I Kibungo ho mu buyobozi bw'akarere k'ubuzima uyu munsi habereye inama yari igamije gushyiraho gahunda y'imyaka ibiri ui...gahunda y'uyu mwaka wa mirongo cyenda na kane n'umwaka wa mirongo cyenda na gatanu utaha iyo gahunda ikaba ari iyo kurwanya Sida muri perefegitura ya Kibungo. Iby'iyo nama byo turabigezwaho na mugenzi wacu BIZIMANA Lawurenti ushinzwe ibiro by'akarere bya ORINFOR i Kibungo.

Orateur : BIZIMANA Lawurenti

Iyo nama yari irimo n'umuyobozi wa porogaramu y'igihugu yo kurwanya Sida, yemeje ingingo zashyirwa kuri gahunda yo kurwanya indwara ya Sida muri iyi myaka ibiri iri imbere. Abari mu nama bemeje ko hagomba kurushaho gukurikirana uko Sida ikwirakwira mu bantu, kwigisha no gukangurira abaturage uko bakwifata ngo birinde kwandura. Ikindi kizakorwa ni ukurushaho kwita ku banduye, ku mfubyi no ku bapfakazi ba Sida. Inama yemeje ko amavuriro yatoranyijwe ku buryo by'umwihariko mu gukurikirana ibya Sida yakongerwa, kugira ngo haboneke imibare nyayo ku ndwara ya Sida. Uretse ibitaro by'i Gahini bisanzwe bibikurikirana, ahandi havuzwe ni mu kigo nderabuzima cya Rukoma muri komine Sake, mu bitaro bya Rwamagana no mu bya Kibungo. Mu gihe hataraboneka laboratwari isuzuma ibya sida, ikigo gifata kikanatanga amaraso ku ndembe cy'i Rwamagana cyahabwa ibikoresho n'abakozi bahagije, kugira ngo gishobore gusuzuma abanduye agakoko ka Sida. Ikindi cyifujwe n'inama, ni uko hashyirwaho urwego rwo guhuza ibikorwa byose byo kurwanya Sida muri perefegitura.
Lawurenti BIZIMANA, ORINFOR Kibungo.

Fin de l'indicatif du journal parlé en Kinyarwanda

Bref intermède musical

Orateur: journaliste de Radio Rwanda non identifié.

Le développement de ces titres à présent.

- Rencontre ce matin au siège de la MINUAR entre le Représentant spécial du Sécretaire général des Nations Unies Jacques Roger Booh Booh, le Représentant spécial du Secrétaire général de l'OUA, Djo Feli et les ambassadeurs africains accrédités à Kigali. Au menu, le vide institutionnel euh…le vide institutionnel au Rwanda. Dans le communiqué sanctionnant la rencontre, le diplomate souligne que lors des rencontres de 7, 10 et 13 février 1994, au siège de la MINUAR, les responsables des partis politiques qui doivent participer aux institutions de la Transition n'ont pas réussi à aplanir leurs

différends, alors que le Représentant spécial avait reçu l'assurance que les institutions seraient mises en place le 14 février 1994, même sans la participation du Parti libéral. Il note aussi que les tergiversations et le double voeu de certains responsables politiques rwandais n'aient pas permis d'écarter les difficultés qui entravent jusqu'ici la mise en place des institutions de la Transition prévues dans l'accord de paix d'Arusha. Les ambassadeurs africains soutiennent la position du Représentant spécial qui a demandé aux partis politiques de faire face à leurs responsabilités. Il a déclaré, je cite, seuls les Rwandais peuvent faire la paix s'ils le désirent véritablement et il serait naif de chercher des boucs émissaires à leur contribution en dehors de la Nation rwandaise". Toujours les communiqués: monsieur Booh Booh a fait savoir aux ambassadeurs après tant (sic) que le Conseil de sécurité suit avec préoccupation, l'évolution de la situation politique au Rwanda et il s'apprête à publier une déclaration de son président pour appeler les partis signataires de l'Accord de paix d'Arusha à poursuivre le dialogue et à coopérer franchement avec l'Organisation des Nations unies. Le Représentant spécial est d'avis que la MINUAR ne sera pas assurée du soutien continu du Conseil de sécurité tant que les Rwandais n'auront pas fait les progrès substantiels et notables dans la mise en oeuvre du processus de paix. En attendant, poursuit donc le communiqué, la situation sur le plan de la sécurité dans le pays se déteriore considérablement. Au cours de la semaine dernière, des accrochages ont eu lieu dans la zone démilitarisée, mettant aux prises des soldats gouvernementaux et des forces du Front patriotique rwandais. On a déploré trois morts et des blessés, ee c'est ce que précise le Représentant spécial. La MINUAR est également en possession des preuves prouvant l'existence des camps d'entrainement pour les nouvelles recrues. Il y aurait également une distribution massive d'armes ee de différents calibres à la population qui indique une attitude de... des parties plus tournées vers la confrontation armée que vers l'exécution de l'accord de paix.

- Les ambassadeurs africains ont salué les efforts du Représentant spécial et lui... et lui ont réitéré leur soutien sans faille. Ils ont lancé un appel aux responsables politiques rwandais pour qu'ils fassent preuve de maturité et du sens des responsabilités afin de sortir de l'impasse actuelle qui est lourde de conséquences pour la paix et la sécurité.

Même si les déplacés de guerre de la préfecture de Byumba sont plus ou moins satisfaits de l'aide internationale dont ils bénéficient, ils déplorent l'indifférence quasi totale des autorités et politiciens rwandais vis-à-vis de leur triste sort. Les journalistes de Radio Rwanda et de la télévision nationale ont fait aujourd'hui le tour des camps de ces déplacés et Viateur Kalinda du Centre régional d'information de Byumba nous en fait... nous en a fait le reportage, et nous l'écoutons.

Orateur: Viateur Kalinda, correspondant régional de l'ORINFOR à Byumba.

Les déplacés de guerre de Byumba ont en assez de la situation inhumaine qu'ils endurent depuis trois ans. Ils exigent que tout soit fait pour qu'ils regagnent leurs propriétés. C'est grosso modo ce qui sort de toutes les bouches lorsque l'on s'entretient avec ces déplacés de guerre. Nous avons discuté avec les déplacés du camp de Rwakirenga, en commune Murambi qui sont originaires des secteurs Gakilima et Nkana, en commune Kiyombe et de Mukama en commune Muvumba. Ceux du camp de Bugarura en commune Muhura qui abritent très... exclusivement les déplacés de la commune Kiyombe, ainsi que ceux des camps de Rutare et de Kinyami qui abritent les gens originaires de la commune de Mukarange. Le camp de Rwamiko en commune Giti est lui désert, les autres, neuf mille environ étant déjà partis pour diverses destinations.

En ce qui concerne les aides, les déplacés sont globalement reconnaissants envers les divers organismes qui les aident, avec moins de satisfaction néanmoins pour les déplacés de Murambi qui se sentent beaucoup moins pourvus par rapport à leurs confrères qui sont servis par les paroisses de Muhura et de Nyinawimana. Ces derniers reçoivent en effet de la farine de manioc, quand les autres n'ont encore droit qu'aux grains de mais. Pour ce qui a trait aux soins de santé, tous sont relativement satisfaits. Ils déclarent qu'avec la distribution quasi quotidienne de la bouillie de sorgho, le kwashiorkor ne fait plus de victimes parmi les enfants. Par contre, les déplacés de guerre de Byumba se déclarent très gênés par la véstusticité (sic) de leurs cabanes appelées ironiquement "blindés". Le résultat est qu'ils sont la cible de toutes les intempéries. Les déplacés de guerre de Byumba veulent tous rentrer chez eux.

Ils se déclarent dégoutés du cynisme des politiciens rwandais qui se servent des déplacés de guerre pour arriver à leur but politique mais ne font rien pour alléger leurs souffrances. Les plus nerveux sont déjà chez eux, ils ont regagné leurs propriétés sans aucune autorisation des autorités rwandaises. Ils se déclarent prêts à mourir sur leur propre sol plutôt que de crever dans l'errance. Mais comment est organisé leur accueil dans la zone occupée par le FPR où ils foncent par dépit? Personne ne sait encore.

Orateur: journaliste de Radio Rwanda non identifié.

Tenue aujourd'hui d'une réunion de concertation à Kibungo pour définir le plan régional de lutte contre…

Orateur: Laurent Bizimana, correspondant régional de l'ORINFOR à Kibungo.

(Inaudible). Le directeur du Programme national de lutte contre le Sida était également présent à cette réunion. Après les discussions, les participants ont décidé d'insérer au Plan régional de lutte contre le Sida un certain nombre de points. Il s'agit de l'amélioration de la surveillance épidémiologique de l'infection à (sic) VIH, l'information et l'éducation de la population à éviter les comportements à risques, assurer la prise en charge psycho-médico-sociale des victimes du VIH-Sida. Il s'agit également de créer trois nouveaux postes-sentinelle de surveillance épidémiologique dans le centre de santé de Rukoma en commune Sake ainsi que dans les hôpitaux de Rwamagana et Kibungo en plus du poste-sentinelle de Gahini déjà fonctionnel. En attendant qu'un laboratoire régional de dépistage du VIH soit mis en place, le centre de transfusion sanguin de Rwamagana sera muni d'un équipement plus performant et d'un personnel suffisant pour assurer des activités de dépistage du VIH. Au cous de la réunion, les participants ont également recommandé qu'un organe de coordination des activités de lutte contre l'infection au VIH au niveau préfectoral soit mis en place rapidement. Laurent Bizimana, ORINFOR Kibungo.

Orateur: journaliste de Radio Rwanda non identifié.

Merci Laurent Bizimana. Kibilira et Satinskyi, deux communes de la préfecture de Gisenyi vont bientôt bénéficier de l'aide de la Banque mondiale dans le secteur agricole. Une réunion pour examiner ce dossier s'est tenue ce mercredi en sous-préfecture de Ngororero. De Gisenyi nous appelons Florent Kampayana.

Orateur: Florent Kampayana, correspondant régional de l'ORINFOR à Gisenyi.

Cette réunion qui était dirigée par le fonctionnaire dirigeant du service agricole et de la Banque mondiale au Rwanda en même temps que Directeur de la Production agricole au ministère de l'Agriculture et de l'élevage regroupait notamment le directeur des Services agricoles à Gisenyi, le directeur du projet "Développement rural integré Gaseke-Ramba", sous-péf... le sous-préfet de Ngororero, les bourgmestres des communes Kibilira, Ramba et Satinskyi ainsi que tous les techniciens agricoles de ces communes. Cette idée de créer un projet service agricole financé par la Banque mondiale est du ministère de l'Agriculture et de l'Elevage qui voulait que tous les programmes agricoles soient élaborés en fonction de la spécificité des zones agro-climatiques. Le but du projet est donc de régionaliser les cultures en tenant compte de la différence des climats et de la nature du sol. C'est ainsi que le ministère a souhaité que la sous-préfecture de Ngororero, composée des communes Kibilira, Ramba et Satinskyi, constitue une zone à part et que le projet "Intensification de la production vivrière" IPV, qui opérait dans les communes Satinskyi et Kibilira soit transféré dans la sous-préfecture de Kabaya.

En attendant la deuxième phase du projet "Développement rural intégré", qui est appelé dans la deuxième phase à devenir projet "Développement agricole de Ngororero DAN", dont bénéficieront les trois communes de cette sous-préfecture, le projet "Service agricole" opérera provisoirement dans les communes Satinskyi et Kibilira tandis que la commune Ramba se servira du reliquat d'IDRI dont la première phase s'est achevée avec l'année quatre-vingt treize.

Les communes Kibilira et Satinskyi n'ont jamais eu de projet agricole valable pour développer la région et la population est toujours sous la menace d'une famine.

Elles comptent donc sur le nouveau projet qui commence déjà à aider les paysans en disponibilisant les plants de manioc et de patate douce, devenus rares ces derniers temps, ainsi que des intrants, et a promis de donner au paysan tous les moyens qui lui permettraient de sortir du gouffre de la misère. Florent Kampayana, correspondant de l'ORINFOR à Gisenyi.

Orateur: journaliste non identifié de Radio Rwanda.

Uyu munsi nyuma ya saa sita, Perefe w'iyo perefegitura bwana BAGAMBIKI Emmanuel yagiranye inama n'abagize secrétariat y'ishyaka MDR muri komine ya Gatare, bavugana ku bi...bi...bibazo byatumye abayoboke b'iryo shyaka ejo ku wa kabiri bakora imyigaragambyo bagafunga umuhanda wa Cyangugu-Kibuye. Mugenzi wacu NAMBAJE Andreya aratubwira iby'iyo nama.

Orateur : NAMBAJE Andreya

Ntabwo byari ngombwa ko abantu bafunga umuhanda, kuko ikibazo bitwaje bakora imyigaragambyo, bene cyo kireba baba barahawe ibisobanuro iyo banyura mu nzira iboneye. Uwo mwanzuro ni wo imishyikirano perfe wa perefegitura ya Cyangugu BAGAMBIKI Emmanuel, hamwe na bamwe mu bafasha be bagiranye kuri uyu wa gatatu nyuma ya saa sita n'abagize secrétariat y'ishyaka MDR muri komine Gatare yagezeho.

Abayoboke b'ishyaka MDR muri iyo komine ye, ku wa kabiri bafunze umuhanda wa Cyangugu - Kibuye, ku buryo kuri uyu wa gatatu mu ma saa mbiri za mu gitondo ari bwo wongeye kuba nyabagendwa, ibiti n'amabuye bari barunzemo bimaze kuvamo.

Cyakora abagize secrétariat ya MDR muri komine Gatare bo bavugaga ko imyigaragambyo yakozwe n'abaturage bose, itagomba kwitirirwa ishyaka MDR. Ku wa mbere tariki ya cumi n'enye bandikiye inzego z'ubutegetsi bazimenyesha ko hashobora kuba imyigaragambyo, bitewe n'umwuka mubi bumvaga mu baturage, ni bwo bwacyaga bikaba.

Muri iyo baruwa yabo, bavugaga ko abaturage bijujutira ukuntu ubutegetsi bw'ubucamanza bwirengagije ikibazo cy'abantu babiri barashwe n'abajandarume ku itariki ya karindwi Kanama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na kabiri ku buryo bw'amaherere, ngo babitegetswe n'umurwanashyaka wa MRND, NSANZURWIMO Amoni abavanye mu Kirambo. Bakaba basanga nk'uko iyo baruwa ibivuga ubutegetsi bw'ubucamanza butarashatse uburyo bene abo bantu babona indishyi z'akababaro.

Impamvu ya kabiri y'iyo myigaragambyo ngo ni uko abaturage basanga bidakwiye ko urubanza rw'abakurikiranyweho kuba barashenye inzu ya NSANZURWIMO Amoni bakangiza n'ibintu bye rwaburanishwa mbere y'urwabishwe. Urwo rubanza rwagombaga kuba ku wa cumi na gatanu gashyantare, ariko ntiwa...ntirwaburanishwa bidaturutse kuri iyo myigaragambyo, ahubwo bitewe n'uko abacamanza batuzuye kubera umwe urwaye. Rukaba rwaragombaga kuburanishirizwa mu rugereko rwa kabiri rw'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Cyangugu ruri i Cyesha muri sous perefegitura ya Rwesero.

Imishyikirano yabereye...yabereye muri paroisse ya Hanika igitangira, abagize secrétariat ya MDR muri komine Gatare, babanje kwanga ko umufasha wa burugumestre ushinzwe iby'ubutegetsi yayikurikirana, bavuga ko ashobora kuba yazanywe no kuneka. Nyuma baje kwemera ko ahaguma, perefe n'abari bamuherekeje bamaze kubumvisha ko ayirimo mu rwego rw'imirimo ashinzwe muri komine. Mu bisobanuro batanze ku myigaragambyo, bibanze ku bikubiye mu ibaruwa yabo, bavuga ko abaturage batarengerwa bihagije, kubona urubanza rw'umuntu wangirijwe ibye rubanziriza urwo abantu bishwe kandi byarabereye umunsi umwe ndetse ntibatinye kuvuga ko ubucamanza bw'i Cyangugu bubogamiye ku ishyaka MRND.

Abari mu mishyikirano baje gusanga ukurikiranye urubanza rw'umwe mu bantu babiri bishwe, yaranyuze mu nzira itaboneye, bamusaba kuzasanga prezida w'urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Cyangugu kugira ngo amusobanurire uko dossier yarwo imeze, haba hagize ikiburamo akihutira kugishaka kugira ngo ruhabwe itariki ruzabunash...ruzaburanishirizwaho.

Naho ku kibazo cyerekeranye n'imyigaragambyo yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko, hemejwe ko abagize secrétariat ya MDR muri komine Gatare, bazakurikiranwa bakerekana abateguye bakanayobora iyo myigaragambyo kuko bo babihakana uretse ko ngo kuba barandikiye ubutegetsi babuburira. Andreya NAMBAJE, ORINFOR Cyangugu.

Orateur: Journaliste de Radio Rwanda non identifié

Ni kuri iyo nkuru rero...
Indicatif de fin du journal parlé en Kinyarwanda

Indicatif du journal parlé en kinyarwanda

Orateur : Journaliste de Radio Rwanda non identifié

Dufite i saa... *(Intermède musicale)*

Orateur : Peacemaker Mbungiramihigo, Journaliste de Radio Rwanda

Abateze amatwi Radio Rwanda mwaramutseho? Ni umwanya w'amakuru mu kinyarwanda amakuru yibanda kuri izi ngingo z'ingenzi:

- Minisitiri wa guverinoma y'inzibacyuho yaguye TWAGIRAMUNGU Fawusitini ejo yabonanye n'abahagarariye amashyaka azajya muri guverinoma y'inzibacyuho yaguyekuri, basuzumira hamwe inyandiko yatanzwe n'ishyaka MRND n'uko amashyaka yabana muri iki gihe cy'inzibacyuho.

- Mu rwego rwo kurwanya icyorezo cya macinyamyambi gikomeje kwibasira prefegitura ya Ruhengeri, Prefe w'iyo prefegitura BARIYANGA Sylvestre aherekejwe na muganga uyobora akarere k'ubuzima ka Ruhengeri, Doguteri NIZEYIMANA Théophile, batangiye ingendo zigamije gusobanurira abaturage uko iyo ndwara iteye, uko yandura n'uko bayirinda.
- Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku biribwa ku isi PAM rirasaba amahanga kugenera impunzi z'abarundi zahungiye mu Rwanda, Tanzaniya na Zayire, imfashanyo yihutirwa ihwanye na miliyoni mirongo ine n'eshanu z'amadolari.

Muri aya ma... *(Intermède musical)*

Orateur : Peacemaker Mbungiramihigo, Journaliste de Radio Rwanda.

Ministre wa guverinoma y'inzibacyuho yaguye TWAGIRAMUNGU Fawusitini ejo yagiranye inama n'abahagarariye amashyaka agomba kujya muri guverinoma y'inzibacyuho yaguye kuri Hoteli Meridien Umubano hano i Kigali. Iyo nama yabaye mu muhezo, yasuzumye inyandiko yatanzwe n'ishyaka MRND n'uko amashyaka yabo...yabana muri iki gihe cy'inzibacyuho yaguye. Tubibutse ko iyo nama yabaye ejo ku mugoroba, yagombaga kuba mu gitondo ikitabirwa kandi n'abahagarariye ibihugu byabo byakurikiranye imishyikirano y'Arusha ari byo Leta Zunze ubumwe za Amerika, Ubufaransa, Ububiligi n'Ubudage ndetse n'uhagarariye umuhuza. Ariko icyagaragaye mu nama y'ejo ku mugoroba ni uko abo bantu batari bahari. Ikindi kandi ishyaka PL uruhande rwa MUGENZI Yusitini n'ishyaka MDR, uruhande ruhagarariwe na Dogiteri NSENGIYA...NSENGIYAREMYE Dismas, ntabwo bitabiriye iyo nama. Ishyaka PL ryari rihagarariwe na NDASINGWA Landuwaridi, PSD ihagararirwa na président wayo NZAMURAMBAHO Frédéric, GATABAZI Felesiyani, NGANGO na GAFARANGA. Ishyaka PDC rihagararirwa na président waryo NAYINZIRA, naho FPR yari ihagarariwe na Tito RUTAREMARA, BIZIMUNGU Pasteur, MAZIMPAKA Patrick.
Ku ishyaka...ku ruhande rw'ishyaka MRND ryari rihagarariwe na président waryo NGIRUMPATSE Matayo, NZIRORERA Yozefu na KAREMERA Eduwaridi.

Twababwira kandi ko ministre w'intebe wa guverima(sic) iriho ubu ngubu madame UWIRINGIYIMANA Agata na we yari ari muri iyo nama. Iyo nama yabaye mu muhezo yarangije imirimo yayo ahagana i saa tanu n'igice z'ijoro, abari bayirimo biyemeza kuyisubukura ejo ku wa gatanu bagasuzuma ikibazo cy'ishyaka PL n'ishyaka MDR kandi bagashakira hamwe itariki, igihe n'i...inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho yaguye zizagiraho. Tubibutse kandi ko abahagarariye ibihugu by'Afurika mu Rwanda n'uhagarariye umuryango w'Ubumwe bw'Afurika mu Rwanda, ejo bakiriye intumwa y'umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda Docteur Jacques Roger Booh Booh, bamugezaho impungenge bafite kubera ko abanyapolitike bakomeje kudindiza ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho yaguye.

...tugezaho amakuru y'ikigo cy'ubushakashatsi mu by'ubuhinzi ISAR, ejo cyatangiye ku mugaragaro imirimo y'ubushakashatsi mu ishami ryayo riri Cyangugu.

Orateur : Andreya NAMBAJE, ORINFOR Cyangugu

Ishami ry'ikigo cy'ubushakashatsi cya ISAR mu karere ka Cyangugu rimaze umwaka umwe rishyizweho ariko kubera kutagira aho rikorera abakozi baryo bakaba bakiri i Rubona. Umuyobozi w'iryo shami NDAYIZIGIYE Fransisiko yifuje ko amakomine yariha vuba imirima yo gukoreramo ubushakashatsi n'amazu ari mu isambu yaryo i Ntendezi akaza...akarihabwa kugira ngo abakozi babone uko begera abahinzi borozi bo mu karere ka Cyangugu. Ubushakashatsi bazakora buzibanda ku bihingwa biboneka mu karere ka Cyangugu kandi bishobora kongera umutungo w'umuhinzi mworozi cyane cyane ibishyimbo, ibijumba, ibigori, ibirayi, ingano, urutoki n'ikawa. Bazakorana kandi n'abahinzi borozi baberekera gufata neza ubutaka kuko nk'uko umuyobozi w'iryo shami yabivuze, ibibazo usanga mu buhinzi ari ukutarwanya isuri no kudafumbira, kimwe n'indwara ziterwa n'uko ubutaka ari bubi, ibyo bibazo byombi rero bikaba bidashobora gutuma ubuhinzi butera imbere ngo umusaruro wiyongere. Umuyobozi mukuru wa ISAR NDEREYEHE Karoli NTAHONTUYE yunzemo avuga ko imbuto z'indobanuro...z'indobanure zigira akamaro iyo zihinzwe mu butaka bwiza, kuzitera rero ahantu habi akaba ari ukuzipfusha ubusa.

Yavuze n'uko kugeza ubu ikigo cya ISAR cyihatiraga gukora ubushakashatsi ku bihingwa no ku bworozi, ariko ubu imikorere yacyo ikaba yaravuguruwe ku buryo mu mirimo yacyo harimo no kwita ku butaka. Yagiriye abahinzi borozi inama yo gufata neza ubutaka bwabo barwanya isuri kandi bafumbira, banakoresha ishwagara aho busharira.
Na none mu mivugururire y'ikigo cya ISAR, hashyizweho amashami yacyo umunani hirya no hino mu gihugu hakurikijwe ibihingwa byiganje mu turere arimo. Ibyo bikaba byarakorewe kugira ngo abashakashatsi barusheho kwegera no gukorana n'abahinzi borozi. Préfet BAGAMBIKI yashimye ikigo cya ISAR kuba cyaratekereje gushyira ishami ryacyo mu karere ka Cyangugu, asaba iryo shami gufasha Cyangugu kongera kuba kimwe mu bigega by'u Rwanda mu byerekeye ibiribwa kuko ubu na yo irimo inzara kimwe n'ahandi mu gihugu.

Andreya NAMBAJE, ORINFOR Cyangugu.

Orateur : Peacemaker Mbungiramihigo, Journaliste de Radio Rwanda.

Mu rwego rwo kurwanya icyorezo cya macinyamyambi gikomeje kwibasira prefegitura ya Ruhengeri, Prefe w'iyo prefegitura BALIYANGA Sylvestre aherekejwe na muganga uyobora akarere k'ubuzima ka Ruhengeri doguteri NIZEYIMANA Théophile n'izindi ntumwa, batangiye ingendo zigamije gusobanurira abaturage uko iyo ndwara iteye, uko yandura n'uko bayirinda. Izo ngendo zatangiriye muri komine Cyabingo aho prefe yakiriwe na suprefe wa suprefegitura Busengo na burugumestre w'iyo komine. Ayo manama yabereye ku biro bya komine Cyabingo no ku biro by'andi masegiteri kugira ngo abaturage boroherezwe urugendo. Muri ayo manama abaturage basobanuriwe uko intwar...indwara ya macinya iterwa n'umwanda kandi ko nk'uko imibare igaragazwa na ministeri y'ubuzima ibyerekana, prefegitura ya Ruhengeri ari yo ikomeje kubonekamo abarwayi benshi. Amakomine yose ya Ruhengeri akaba akomeje kugaragaramo iyo ndwara ariko cyane cyane aya Gatonde, Ndusu , Cyabingo, Nyamutera na Nkumba. Nko muri komine Cyabingo yasuwe, mu baturage b'iyo komine abantu barenga magana ane mirongo itanu bamaze guhitanwa n'iyo ndwara, naho mu nkambi z'impunzi, abamaze gupfa barenga magana atatu.

Prefe n'abamuherekeje bashimiye cyane ubutegetsi bwa komine Cyabingo n'abaturage bitabiriye ayo manama ari benshi, bakayakurikirana bashishikaye kandi bagatanga ibitekerezo byubaka.

Ibitekerezo batanze byerekanye ko abenshi badasobanukiwe n'indwara ya macinya ku buryo iyo iba...bafashwe babanza gukeka amarozi, ibyuka by'amasasu yarashwe mu ntambara n'ibindi, bityo bakayoboka abavuzi ba magendu babaha imiti irushaho kubazahaza ndetse bamwe bagakora imihango ijyana n'idini rya gihanga ngo ba...ngo batewe. Nk'uko byagaragaye muri ayo manama ari mu baturage ari no mu nkambi n'abakuwe mu byabo n'intambara, isuku yaragabanutse bitewe cyane cyane n'abaturage bacucitse, amazi adahagije, ibikoresho byo mu rugo n'iby'isuku bidahagije n'imisarane mike kandi ifashwe nabi mu nkambi. Abakuwe mu byabo n'intambara rero basabye prefe wa prefegitura ya Ruhengeri kubatabariza abagiraneza kugira ngo babagoboke babafashisha ibikoresho byo mu rugo nk'amasafuriya, amasahani, udukombe, amasabune kimwe n'ibikoresho byo gucukura imisarani nk'amasuka, amapiki n'ibitiyo.

Mu ngamba zafashwe kugira ngo turwanye icyo cyorezo, abaturage biyemeje kurushaho kugira isuku buri muntu ku giti cye, mu ngo n'aba...n'aho abantu benshi bateraniye nko mu tubari, mu nsengero, mu masoko, mu mashuri n'ahandi. Prefe wa prefigitura ya Ruhengeri yabasabye kujya bahura kenshi kugira ngo baganire uko barushaho kurwanya icyo cyorezo cya macinya n'izindi ngorane bahura. Abaturage bagiriwe kandi inama yo kwirinda ibiribwa bicururizwamu mayira kuko isuku yabyo itizewe. Ufashwe n'iyo ndwara akihutira kujya kwa muganga. Mu gihe rero twugarijwe n'icyo cyorezo cya macinya, imiti iyivura itangirwa ubuntu.
Aya makuru turayakesha prefe wa prefegitura ya Ruhengeri BALIYANGA Sylvestre.

Icyo twavuga mu makuru avugu (sic)ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku biribwa ku isi PAM mu magambo ahinnye rirongera gusaba amahanga n'abagiraneza gufasha impunzi z'abarundi zahungiye mu Rwanda, muri Tanzaniya no muri Zayire, babagenera imfashanyo yihutirwa ihwanye na miliyoni mirongo ine n'eshanu z'amadolari.

Mu itangazo iryo shami ryashyize ahagaragara ejo i Nayirobi muri Kenya, ryatangaje ko impunzi n'abakuwe mu byabo n'intambara mu Burundi baba muri ibyo gihugu twababwiye, bakeneye imfashanyo yihutirwa kuko iyo bafite ihwanye na makumyabiri na gatanu ku ijana gusa.

Byabaye ngombwa rero ko ishami ry'umuryango w'abibumbye PAM rikoresha imfashanyo zagenewe utundi turere twazahajwe n'inza...n'inzara kugira ngo ritabare impunzi z'abarundi. Twababwira ko abarundi bagera kuri miliyoni imwe bahungiye mu Rwanda, muri Tanzaniya no muri Zayire, naho abagera ku bihumbi magana atatu bakavanwa mu byabo n'ubwicanyi...

FIN DE LA FACE A

FACE B

Orateur : Journaliste Radio Rwanda non identifié

...rundi zitan...zitangiye gutahuka zikeneye imfashanyo zihutirwa. Broeneck yatangaje kandi ko nyuma y'uko asura inkambi z'abarundi ziri mu Rwanda yasanze imfashanyo z'ibiribwa bafite zidahagije kugira ngo barwanye indwara ziterwa no kurya nabi. Impunzi z'abarundi zisaga ibihumbi ijana na mirongo irindwi zari zarahungiye muri Tanzaniya n'izindi ibihumbi makumyabiri na birindwi zahungiye mu Rwanda zaba zimaze kwambuka umupaka zisubira mu Burundi.

Intermède musicale suivi de l'indicatif du journal parléen français

Orateur: Thomas KAMILINDI, journaliste de Radio Rwanda.

Bonjour à tous, les titres de cette édition:

K0278089

- Rencontre marathon entre le Premier ministre désigné avec les partis politiques pour…débloquer la situation politique.
- Le ministre de l'Information a de son côté reçu les hauts responsables de la ra…de la Radio télévision libre des mille collines hier pour tenter de mettre un peu d'ordre dans les émissions de la radio.
- Et puis violentes manifestations hier à Dakar, cinq morts dont trois policiers, en…

Intermède musical

Le Premier ministre désigné Faustin Twagiramungu doit rencontrer à nouveau demain vendredi les leaders des partis politiques devant participer au Gouvernement de transition à base élargie. Ils discuterons des problèmes MDR et PL, ainsi que de la date probable de la mise en place des institutions de la Transition. Hier déjà, ils se sont réunis à huis clos jusque vers 23 heures à l'hôtel Umubano Méridien mais en l'absence des factions Mugenzi du PL et MDR dit "power".

